REPUBULIKA Y'U RWANDA

Province du Nord
Pour réception
Date: 08 MAY 2019

Musanze, kuwa 08/05/2019

INTARA Y'AMAJYARUGURU
AKARERE KA MUSANZE
E-mail: chairman@musanze.gov.rw

Nº .70 /07.04.03 **CD2019**

DISTRICT DE MUSANZE
ACCUSE RECEPTION
DATE D'ENTREE 08/05/2019
SIGNATURE

***Ref:DC***

Bwana Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru/**MUSANZE**

**IMPAMVU:** Kohereza inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka MUSANZE yateranye tariki ya **29/04/2019.**

Bwana,

Nishimiye kubandikira ngira ngo mbagezeho, ku mugereka w'iyi baruwa, inyandikomvugo y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere ka Musanze yateranye kuwa **29/04/2019**.

Mugire amahoro.

**TWIZERIMANA Innocent**
V/Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka **MUSANZE**

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

**Bimenyeshejwe :**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu/**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka **MUSANZE**

REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYARUGURU

AKARERE KA MUSANZE

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA NJYANAMA ISANZWE Y'AKARERE KA MUSANZE YATERANYE KUWA 29/04/2019

None kuwa 29/04/2019 saa mbiri n'iminota cumi n'itanu (8h15) ku biro by'Akarere ka Musanze hateraniye Inama Njyanama isanzwe iyobowe na Visi Perezida wayo, Bwana **TWIZERIMANA Innocent**. Inama yatangiye abitabiriye baririmba Indirimbo y'Igihugu cyacu yakurikiwe n'Isengesho, Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama atangiza inama yashimiye Abajyanama bitabiriye Inama kandi bakahagerera ku gihe .

## KU MURONGO W'IBYIGWA HARI INGINGO ZIKURIKIRA:

1. Inyandikomvugo y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 20/02/2019 n'ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yayo;
2. Ishyirwa mu Bikorwa Ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama n'umwiherero wabereye i Rubavu;
3. Gusuzuma ibyakozwe mu gihemwe cya gatatu (Q3):
   - Imihigo y'Akarere (2018-2019)
   - Iteganyabikorwa (Action Plan 2018-2019)
   - Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari umwaka wa 2018-2019
4. Ibyavuye muri Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama;
5. Ibintu n'ibindi :

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri buri ngingo, Inama Njyanama y'Akarere ka Musanze yafashe ibyemezo bikurikira:

| INGINGO ZIZWEHO | INYANDIKO MVUGO, INGAMBA N'IBYIFUZO | IBYEMEZO BYAFASHWE |
|---|---|---|
| 1.Kwemeza inyandiko mvugo y'Inama Njyanama isanzwe yateranye kuwa 20/02/2019 | Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere, Madamu NYIRABYIMANA Jacqueline yagejeje ku Bajyanama inyandikomvugo y'Inama Njyanama yateranye tariki ya 20/02/2019, maze hakorwa ubugororangingo bukurikira:<br>-Mu mwanzuro n° 017/02/2019/17, Komite icunga amazi(Wash Board) yavuzwe ni iyo ku rwego rw'Akarere.<br>-Hagarutswe kandi ku byitegererezo bya Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru ku myanzuro y'Inama Njyanama yateranye kuwa 20/02/2019: cyane cyane ku ngingo ya 5 aho yasabye ko hashyirwaho ingamba zihamye zo guhagarika ikibazo cy'abangavu baterwa inda zitateguwe ndetse no kwita ku bibazo y'abaturage birebana n'akarengane baba bagejeje ku Karere. | **018/04/2019/01:** Inama Njyanama yemeje imyanzuro y'Inama Njyanama yateranye kuwa 20/02/2019 imaze kuyikorera ubugororangingo. |
| 2. Ishyirwa mu bikorwa ry'Imyanzuro y'Inama Njyanama n'umwiherero wabereye i Rubavu | Bwana HABYARIMANA Jean Damascène, Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku bitabiriye uko Imyanzuro y'Inama Njyanama n'umwiherero wabereye i Rubavu ku matariki ya 27-28/01/2019 yashyizwe mu bikorwa.<br>Kuva 2016 kugeza ubu, Inama Njyanama imaze gufata imyanzuro 210, muriyo 11 niyo itarashyirwa mu bikorwa. Iyashyizwe mu bikorwa ni 199 bingana na 95% .<br>Ku birebana n'imyanzuro y'umwiherero wa Rubavu, imyanzuro 6/11 niyo imaze gushyirwa mu bikorwa. | **019/04/2019/02**: Inama yashimye aho imyanzuro igeze ishyirwa mu bikorwa aho biri ku kigero cya 95%, Inama Njyanama yasabye ko imyanzuro isigaye itarashyirwa mu bikorwa yakwihutishwa. Inama Njyanama itaha ikazagaragarizwa aho igeze ishyirwa mu bikorwa. |
| 3.Gusuzuma ibyakozwe mu gihembwe cya gatatu (Q3) :<br>-Imihigo(2018-2019) | -Abayobozi b'Akarere bungirije bagejeje ku Inama Njyanama aho Imihigo y'Akarere y'umwaka wa 2018/2019 igeze ishyirwa mu bikorwa: Abajyanama bashimye imbaraga zashyizwe mu mihigo aho igeze ahantu hashimishije, isaba ko imihigo iri hasi yakwitabwaho ikihutishwa. | **020/04/2019/03:** Inama Njyanama yashimye aho imihigo y'umwaka wa 2018/2019 igeze ishyirwa mu bikorwa, hashimwe imihigo igeze ahashimishije yakomeza |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

| | | |
|---|---|---|
| -Iteganyabikorwa (2018-2019)<br>-Raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari (2018-2019) | Imihigo itaragera ku rugero rushimishije:<br>-Gusana Stade Ubworoherane<br>-Amaterasi yikora<br>-Kugaruza inguzanyo zatanzwe muri FS/VUP<br>-Kubaka Umurenge wa Kinigi<br>-Gutanga insimburangingo n'inyunganirangingo.<br>-Mutuelle 79,3% (ku mibare mishya yatanzwe na Statistic)<br>-Kwishyuza amfaranga ya Leta;<br>-Gushyira mu bikorwa inama zatanzwe na *Auditor General.*<br>Abajyanama basabye ko Imihigo y'Akarere 2018/2019 irushaho kumenyekanishwa mu baturage bacu<br><br>-Bwana NTAWUMENYUMUNSI Alphonse, *Division Manager* yagejeje ku Inama Njyanama raporo ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'iteganyabikorwa 2018/2019 (Action Plan) na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2018/2019. | kubungabungwa, imihigo ikiri inyuma igashyirwamo imbaraga. Komite Nyobozi yasabwe gushyiraho uburyo buhamye bwo kumenyekanisha imihigo ku baturage bacu.<br><br>**021/04/2019/04:** Inama Njyanama yashimye aho ibikorwa bigeze isaba ko hashyirwa imbaraga mu bikorwa biri inyuma: kwinjiza imisoro n'amahoro, kwihutisha ibikorwa bikiri hasi no gutanga amasoko bikajya bikurikiza gahunda yemejwe n'Inama Njyanama, agatangirwa ku gihe. |
| 4.Ibyavuye muri Komisiyo zihoraho z'Inama Njyanama | ❖ ***Komisiyo y'Imari n'Iteramere ry'Ubukungu:***<br>-Nyuma y'ubusabe bw'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'ubusesenguzi bwakozwe na Komisiyo ku kibazo cya NYIRAKAMONDO Marie Thérèse utuye mu Mudugudu wa Bitsibo, Akagari ka Rurambo, Umurenge wa Remera wasabye gusonerwa amahoro y'isuku rusange kukò yarwaye uburwayi bukomeye atagishobora gucuruza ubushera.<br>Imaze kumva ibisobanuro by'ubusabe bwa NYIRAKAMONDO Marie Thérèse, Inama Njyanama yemeje ko asonerwa amahoro y'isuku rusange.<br><br>-Inama Njyanama yasesenguye byimbitse ikibazo cya | **022/04/2019/05:** Inama Njyanama imaze gusobanurirwa impamvu y'ubusabe bwa NYIRAKAMONDO Marie Thérèse bujyanye no gusonerwa amahoro y'isuku rusange, kuko atagicuruza ubushera kubera uburwayi, yemeje ko asonewe ayo mahoro.<br><br>**023/04/2019/06:** -Inama Njyanama Imaze gusesengura birambuye kibazo cya MUSEMAKWERI UWAMAHORO Cyprien ufite ikibanza UPI: 4/03/02/01/5422 gihereréye mu Mudugudu wa Bubandu, |

| | | |
|---|---|---|
| | MUSEMAKWERI UWAMAHORO Cyprien ufite ubutaka bufite UPI: 4/03/02/01/5422 buherereye mu Mudugudu wa Bubandu, Akagari ka Bukinanyana, Umurenge wa Cyuve wubatse inzu nta burenganzira bwo kubaka yahawe kuko yagendeye ku burenganzira bwataye igihe bw'uwo baguze ubutaka ariwe Muhawenayo Casimir, nyuma agasenyerwa n'abakozi b'Umurenge wa Cyuve kuko ku gishushanyo mbonera hagenewe amashyamba kandi harakaswemo ibibanza n'Akarere mu mwaka w'i 2000 aho uyu muturage yandikiye Inama Njyanama asaba kurenganurwa kuko we yavugaga ko yakorewe akarengane mu gusenyerwa, Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cyavuzwe haruguru UPI: 4/03/02/01/5422 cyahindurirwa icyo ubutaka bwagenewe gukoresha{usage} kigakurwamo ishyamba kikagirwa icyo gutura. Musemakweri Uwamahoro Cyprien agacibwa amande y'uko yubatse nta burenganzira ahawe, hanyuma akemererwa kubaka anyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga imyubakire | Akagari ka Bukinanyana, Umurenge wa Cyuve ahagenewe amashyamba ku gishushanyo mbonera ariko hakaba ubu harakaswe ibibanza n'Akarere haratuwe, Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cyavuzwe haruguru cyahindurirwa icyo ubutaka bwagenewe gukoreshwa{usage} kigakurwa mu ishyamba kikagirwa icyo gutura. MUSEMAKWERI UWAMAHORO Cyprien agacibwa amande y'uko yubatse nta burenganzira ahawe, hanyuma akemererwa kubaka anyuze mu nzira ziteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga imyubakire. |
| | ❖ ***Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza:*** <br> Perezida wa Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'abaturage yagejeje ku bitabiriye Inama Njyanama ibibazo bigaragara mu burezi bijyanye n'ibyumba by'amashuri bishaje, ubucucike ndetse n'abana batagira intebe bicaraho mu ishuri ku bigo by'amashuri bitandukanye n'umwanda ukigaragara mu Bigo nderabuzima na Poste de sante. <br> Nyuma yo kugezwaho ibibazo biri mu burezi no mu buzima, Abajyanama basabye Komite Nyobozi ko ibyo bibazo byagaragajwe byitabwaho mu ngengo y'imari 2019/2020. | **024/04/2019/07:** Nyuma yo kugezwaho ibibazo bitandukanye bigaragara mu burezi no mu buzima, Inama Njyanama yemeje ko Komite Nyobozi ikurikirana ibyo bibazo kandi bikitabwaho mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2019/2020. |
| | ❖ ***Komisiyo y'Imiyoborere Myiza***: <br> Nyuma yuko inama Njyanama yemeje ko irimbi rusange ryashyirwa mu Mudugudu wa Kavumu, Akagari ka Kigombe, Umurenge wa Muhoza hakaza kugaragara imbogamizi zituma kuhashira irimbi bidashoboka. Abagize Inama Njyanama bagejejweho site nshya y'ahazashyirwa irimbi | **025/04/2019/08:** Inama Njyanama yemeje umwanzuro usimbura kandi wuzuza umwanzuro w'Inama Njyanama **n°009/03/2018** yateranye kuwa **14/03/2018** wemezaga ahagombaga gushyirwa irimbi rusange; Inama Njyanama yemeje ko irimbi |

| | | |
|---|---|---|
| | ry'Akarere iherereye mu Murenge wa Gacaca, Akagari ka Kabilizi, Umudugudu wa Mukungwa. Nyuma yo kubona ko hakwiye gushyirwa irimbi, Abajyanama barasaba Komite Nyobozi kwihutisha ibisabwa kugira ngo iryo rimbi rishya rizabe rikoreshwa bitarenze ukwezi kwa Kamena 2019. | rusange ry'Akarere ryashyirwa mu Murenge wa Gacaca, Akagari ka Kabilizi, Umudugudu wa Mukungwa, isaba Komite Nyobozi kwihutisha ibisabwa kugira ngo iryo rimbi rishya rizabe rikoreshwa bitarenze ukwezi kwa Kamena 2019. |
| 5. Ibintu n'ibindi: Ikibazo cy'aho imodoka zitwara abagenzi zihagarara mu mujyi wa Musanze. | Abagize Inama Njyanama bunguranye ibitekerezo ku kibazo kibangamiye abaturage kijyanye n'aho imodoka zitwara abagenzi zibasiga{Arrété} mu nzira mu nkengero z'umujyi wa Musanze cyangwa muri gare gusa kandi mu ikorwa ry'imihanda aho izo modoka zigomba guhagarara mu mujyi hagati hari harateganyijwe. Kubera iyo mpamvu, abantu bakora urugendo rw'amaguru, abandi bagakoresha ubundi buryo bikabagora kugera aho bifuza kugera, twavuga nk'abarwayi badafite ubushobozi bagera kwa muganga bibagoye, abajya ku Rukiko Rwisumbuye, ku Karere n'abandi<br>Urugero: Abavuye mu cyerekezo cy'umuhanda **Kinigi-Musanze** na **Cyanika-Gacaca-Musanze** basigara Kuri Camp Muhoza naho abavuye mu cyerekezo cy'umuhanda **Gisenyi-Byangabo-Musanze** basigara kuri Station Merez kuko imodoka ntizemerewe guhagarara ku Rukiko Rwisumbuye (ku magare) cyangwa ku Bitaro bikuru bya Ruhengeri kuko zicibwa ibihano.<br>Inama Njyanama imaze gusesengura icyo bibazo kibangamiye abaturage muri uyu mujyi wa Musanze, yasabye Komite Nyobozi gukora ubuvugizi icyo kibazo kigakemuka ikazatanga raporo mu nama itaha. | **026/04/2019/09:** Inama Njyanama imaze gusesengura ikibazo kibangamiye abaturage mu mujyi wa Musanze kijyanye n'aho imodoka zitwara abagenzi zihagarara bagakora urugendo n'amaguru baje gushaka serivisi zinyuranye{ku Rukiko Rwisumbuye, ku Bitaro bikuru bya Ruhengeri, ku Karere ka Musanze n'ahandi}, Inama Njyanama irasaba Komite Nyobozi kugira icyo ikora kuri iki kibazo kigakemuka, raporo ikazashyikirizwa Inama Njyanama itaha. |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi (16h00) Umuyobozi w'inama ashimira abitabiriye n'ibitekerezo batanze.

**NYIRABYIMANA Jacqueline**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

**TWIZERIMANA Innocent**
Visi Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka **MUSANZE**

## LISITI Y'ABITABIRIYE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA MUSANZE

## <u>YATERANYE TARIKI YA 29/04/2019</u>

| N° | AMAZINA YOMBI | ICYO ASHINZWE | UMUKONO |
|---|---|---|---|
| 01 | TURATSINZE Phocas | Umujyanama | |
| 02- | NYIBIZI Emmanuel | Umujyanama | |
| 03 | NKUNZWENABAKE Samson | Umujyanama | |
| 04 | Ukurikiyimfura Brigitte | Umujyanama | |
| 05 | TUYISHIME Olivier | Umujyanama | |
| 06. | NYIRAMAHIRWE Blandine | Umujyanama | |
| 07 | NTIRENGANYA Emmanuel | Umujyanama | |
| 08 | NIZEYIMANA Celestin | Umujyanama | |
| 09. | NIKUZE Dative | Umujyanama | |
| 10 | MANZI NGARAMBE Eric | Umujyanama | |
| 11 | NZAMUWITAKUZE Gaspard | Umujyanama | |
| 12 | NDABEREYE Augustin | Umujyanama | |
| 13. | MUNYANSHOZA Jean Damas | Umujyanama | |
| 14 | MUNYANDAMUTSA Effrem | UMUJYANAMA | |
| 15 | MUKAGIYEMARI Adele | Umujyanama | |
| 16. | MUKAMUHIRWA Marie Janvière | Umujyanama | |
| 17. | Rucyahana Andrew Mpuhwe | Umujyanama | |
| 18. | AYINKAMIYE Louise | Umujyanama | |
| 19. | HABYARIMANA J. Damascène | Umujyanama / Mayor | |
| 20 | UWAMUNGU Françoise | Umujyanama | |
| 21 | UWAMARIYA M. Claire | Umujyanama | |
| 22 | TUYIZERIMANA Innocent | V/President DC | |
| 23 | NYIRABYIMANA Jacqueline | Secrétaire DC | |
| 24. | TURATSINZE Anaton | PSF District | |
| 25 | Mukamanzi ... | Umujyanama | |
| 26 | UWAYISENGA Lucy | Umujyanama | |
| 27 | UWAMAHORO Jeanne d'Arc | Umujyanama | |

**IMIHIGO Y'AKARERE N'IBIKORWA 2018/2019 BIRI HASI BIGOMBA GUSHYIRWAMO IMBARAGA**

**(Data on 29 April 2019)**

**Annexe 1:**

**INKINGI Y'UBUKUNGU (ECONOMIC CLUSTER)**

| N° y'umuhigo | Umuhigo/igikorwa | Aho ugeze (progress) |
|---|---|---|
| 5 | Ha zizacibwaho amaterasi y'indinganire | Ha596/1000(59%) |
| 8 | Umubare w'inka zatewe intanga | 2494/4,015(62,1%) |
| 10 | Umubare w'inyana zabaruwe | 794/1120(70,8%) |
| 17 | Imishinga iciriritse izafungurwa ku rubyiruko n'abagore no kubatoza gukora n'ibigo by'imari | 473/669 (70,7%) |
| 20 | Kuvugurura Stade Ubworoherane | Imirimo igeze kuri 25% |

**Annexe 2:**

**INKINGI Y'IMIBEREHO MYIZA N'IMIYOBORERE ( SOCIAL AND GOVERNANCE CLUSTER)**

| N° y'umuhigo | Umuhigo/igikorwa | Aho ugeze (Progress) |
|---|---|---|
| 27 | Umubare w'abafite ubumuga bahawe inyunganirangingo/insimburangingo | 30% (contract yarasinywe ariko ntibarazigemura ) |
| 28 | Amazu y'Abacitse ku icumu rya Jenoside yakorerwe Abatutsi | 4/6 (66,7%) |
| 33 | Imiryango izahabwa inyongeramusaruro n'imbuto z'indobanure( abari mu | 568/846(67,1%) |

| | | |
|---|---|---|
| | cyiciro cya 1 cy'ubudehe- cat1) | |
| 34 | Imiryango ibarizwa mu cat 1 yubakiwe inzu | 27/100(27%) |
| 35 | Imiryango yo mu cat 1 yubakiwe akarima k'igikoni | 6/125(4,8%) |
| 39 | Abana bari muri cat 1 bafite imyaka hagati ya 6-14 bazasubizwa mu ishuri | 1393/2089(66,6%) |
| 40 | Imiryango iri mu cat 1 yahawe amashanyarazi | 60/300(20%) |
| 60 | Gutangiza itorero mu Midugudu | 60 % |
| 63 | Kubaka Umurenge wa Kinigi | 15% |
| 65 | Kurangiza imanza | 280/460(60,8%) |
| 67 | Kugaruza umutungo wa Leta | 1,902,000/90,000,000 (2,1%)<br>Challenges: Abishyuzwa badafite imitungo |
| 68 | Kwinjiza imisoro n'amahoro | 1,702,606,909frw/2,182,829,370frw (78%) |
| 69 | Gushyira mu bikorwa ibyemezo bya AG | 23% |

**Annexe 3:**

**IBIKORWA BY'UMWAKA 2018/2019 (ACTION PLAN)**

| Ibikorwa | Aho bigeze(progress) |
|---|---|
| Ibiraro byasanywe | 3/5 bibyo bifite budget ( biri muri procurement process) |
| Kwishyura ingurane (expropriation) | 533,775,804/799,650,137 (66,7) asigaye yashyizwe mu ngengo y'imari 2019/2020 |

| | |
|---|---|
| Inyigo z'imihanda 8 | 40% (procurement process) |
| Inyigo yo gusana inyubako z'Imirenge | 60%(Procurement process) |
| Kugenzura ibigo by'amashuri | 60/90 (67%) |
| Ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari | 74% |
| Inama z'Inshuti z'Umuryango | ½ (50%) |
| Gufasha ibigo bifasha abana bugarijwe n'ibibazo | 2/3 yasinyanye MoU n'Akarere |
| Open day (1) | 0% |
| Gufasha abantu gukorana n'ibigo by'imari | 3,083/10,547 (29%) |

**Annexe 4: IBIBAZO BIKIGARAGARA MU BUREZI NO MU BUZIMA**

**A. MU BUREZI**

| Ikibazo | Aho kigaragara |
|---|---|
| Ibyumba y'amashuri 298 bishaje bikenewe gusimbuzwa | GS Ntarama mu Murenge wa Gashaki. CS Rugarika mu Murenge wa Nkotsi,GS Gakoro na CS Rungu mu Murenge wa Gacaca, ibisenge byagurutse kuri CS Gasanze mu Murenge wa Muhoza kubera umuyaga |
| Ibyumba by'amashuri 164 bikenewe gusanwa | CS Gahondogo, CS Rugeshi , CS Shashi n'ahandi |
| Ubwiherero 368 bukenewe ku bigo by'amashuri | CS Muhingo mu Murenge wa Shingiro, GS Kabara mu Murenge wa Nyange, CSRugeshi mu Murenge wa Cyuve na GS Muko mu Murenge wa Muko |
| Ibikoni na refectoire | Amashuri agenda yubakwa muri gahunda ya 9&12YBE nta bikoni |
| Umwanda (mumashuri, mu bwiherero, bikoresho, | CS Rusanze na Rutoyi/Busogo, CS Kabuga/Cyuve, CS Rungu/Gacaca, GS Ruhehe, GS |

| | |
|---|---|
| imitegurire y'amafunguro,….) uterwa no kubura amazi meza | Rwinzovu na GS Rusambu /Gataraga, CS Nyabitsinde, CS Muguri/Muko, GS Nkurura/Nkotsi , GS Kagano/Nyange, GS Mukono na CS Rurambo/Remera, CS Musezero/Rwaza na GS Gikoro/Shingiro |
| Umutekano muke no kudakoresha ikoranabuhanga ku bana kubera nta mashanyarazi | CS Rutoyi/Busogo, CS Gitinda na CS Migeshi /Cyuve, GS Shashi/Gacaca, GS Gasanze/Muhoza, CS Muguri/ Muko, CS Susa 1/Muhoza, GS Nkurura, CS Rugarika na CS Rubona/Nkotsi, CS Rurambao/Remera , CS Gikoro na CS Nyamurimirwa/Shingiro. |
| Intebe zidahagije: Abana biga bicaye ku ntebe zishaje, abanda hasi | Ku bigo bitandukanye |
| Abarimu 65 bafite A2 bigisha muri secondaire | Mu bigo bitandukanye bifite 9&12YBE n'ahandi |
| Amashuri ya TVET ya Leta akiri make | ESTB/Busogo gusa, hakorwe ubuvugizi umubre wa TVET wiyongere. |

**B.UBUZIMA**

| Ikibazo | Uko cyakemuka |
|---|---|
| Abaturage batitabira uko bikwiye gahunda ya MS | Gukoresha amasibo, ibyiciro byose byatowe mu bukangurambaga n'icyapa cy'ubugwari cyimurwa mu Mudugudu no mu Kagari biri inyuma |
| Abakira imisanzu ntigeze aho igomba kugera | Guhana ababigizemo uruhare |